Le document ci-après, rédigé en Kinyarwanda, fait état des résolutions du 3ème congrès du Parti Social Démocrate (PSD) tenu à Kigali du 8 au 9 octobre 2005.

IMYANZURO YA KONGERE YA GATATU Y'ISHYAKA RIHARANIRA DEMOKARASI N'IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE (P.S.D) YATERANIYE I KIGALI KU MATARIKI YA 8 N'IYA 9 UKWAKIRA 2005.

Kongere ya Gatatu isanzwe mu rwego rw'Igihugu y'Ishyaka Riharanira Demokarasi n'Imibereho Myiza y'Abaturage, PSD, yateraniye i Kigali ku matariki ya **8** n'iya **9 Ukwakira 2005** ifata imyanzuro ikurikira:

Mu rwego rwa Politiki na Demokarasi:

- Kongere ya Gatatu y'Ishyaka yongeye gushimangira amahame-remezo yaryo ashingiye cyane cyane k'**Ubutabera**, **Ubwisungane**, **Amajyambere** no gushimangira **Demokarasi**.

- Kongere ya Gatatu y'Ishyaka ishyigikiye imikoranire myiza n'indi mitwe ya politiki mu gushakira Abanyarwanda amahoro n'imibereho myiza.

- Kongere ya Gatatu y'Ishyaka yamaganye ingengabitekerezo ya jenoside n'ibindi bitekerezo bitanya Abanyarwanda.

- Kongere ya Gatatu y'Ishyaka ishyigikiye ivugurura ry'ubutegetsi ritegurwa muri iki gihe mu rwego rwa gahunda isanzwe yo kwegereza abaturage ubuyobozi n'ubushobozi.

- Muri uko kwegereza ubuyobozi abaturage, Kongere ya Gatatu y'Ishyaka ishyigikiye kwegereza inzego z'ishyaka abaturage rigakorera mu Ntara, Akarere n'Umurenge;

- Kongere ya Gatatu y'Ishyaka ishyigikiye ko ubwumvikane n'imishyikirano biba hagati y'imitwe ya politiki mu nzego nkuru z'Igihugu yagaragarira no mu zindi nzego z'ubuyobozi.

-Kongere ya Gatatu ishyigikiye ko Itegeko rigenga imitwe ya politiki ryavugururwa, inkunga imitwe ya politiki yemererwa n'Itegeko-Nshinga ikajya iteganywa mu ngengo y'imari y'Igihugu ya buri mwaka kandi igatangirwa igihe.

- Kongere ya Gatatu y'Ishyaka irasaba ko abayobozi b'inzego z'ibanze bahabwa amahugurwa ku birebana na demokarasi ishingiye ku mitwe ya politiki myinshi kugirango imikoranire hagati y'imitwe ya politiki irusheho kuba myiza.

- Kongere ya Gatatu y'Ishyaka irasaba Komite Nyobozi kujya igira icyo itangariza Abanyarwanda ku bibazo bikomeye by'Igihugu igihe cyose bibonetse kandi vuba.

- Kongere ya Gatatu y'Ishyaka irasaba ko habaho amahugurwa y'abarwanashyaka ku byerekeye amahame-remezo ya P.S.D. na demokarasi no gushyiraho ikinyamakuru cy'ishyaka zimwe muri izo nyigisho zanyuzwamo.

- Kongere ya Gatatu y'Ishyaka irasaba kuvugurura Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ku buryo imitwe ya politiki yose yemewe yahagararirwa muri iyo Komisiyo ku rwego rw'Intara, Uturere n'Imirenge.

Mu rwego rw'ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage:

- Ku kibazo cy'ibiciro, Kongere ya Gatatu y'Ishyaka ishyigikiye ko imishahara y'abakozi yahuzwa n'imizamukire y'ibiciro by'ibikenerwa by'ibanze.

- Kongere ya Gatatu ishyigikiye gushishikariza abarwanashyaka n'abanyarwanda muri rusange kwitabira kujya mu mashyirahamwe yagira uruhare mu kubateza imbere.

- Kongere ya Gatatu y'Ishyaka ishyigikiye ko "mutuelles de santé" zavugururwa, umuntu agashobora kwivuriza aho indwara imufatiye no gushobora kwivuza indwara zose zivurizwa mu bigo nderabuzima n'ibitaro.

- Kongere ya Gatatu y'Ishyaka ishyigikiye ko hajyaho ishoramari ry'umwihariko mu buhinzi n'ubworozi ryafasha kuzamura imibereho myiza y'abanyarwanda.

- Kongere ya Gatatu y'Ishyaka ishyigikiye ko imidugudu yakwira hose mu gihugu kugira ngo ubutaka buhingwa bwiyongere kandi ibikorwa-remezo bishobore kugera ku baturage.

- Kongere ya Gatatu y'Ishyaka ishyigikiye ko Leta yashyira ingufu zihagije mu gukemura ikibazo cy'amazi, amashanyarazi n'ingufu muri rusange.

Mu rwego rw'uburezi:

- Kongere ya Gatatu y'Ishyaka ishyigikiye ko umwarimu yahabwa umushahara wisumbuye kandi agahabwa agaciro akwiye.

- Kongere ya Gatatu y'Ishyaka ishyigikiye ko hashyirwaho ikigega cy'uburezi kuri buri murenge.

Inyandiko za PSD na Raporo ya Komite Nyobozi:

Kongere ya Gatatu y'Ishyaka yemeje inyandiko z'Ishyaka zikurikira imaze kuzikosora no kuzuzuza:

- Amahame n'Imigambi-Shingiro ya P.S.D.;
- Itegeko-Shingiro rya P.S.D.;
- Itegeko Ngengamikorere rya P.S.D.;
- Raporo ya Komite Nyobozi.

Inzego z'Ishyaka:

Kongere ya Gatatu yatoye abagize Komite Nyobozi bakurikira:

- Perezida: **Dr BIRUTA Vincent**;
- Visi-Perezida wa Mbere: **RUGENERA Marc**;
- Visi-Perezida wa Kabiri: **Dr LYAMBABAJE Alexandre**;
- Umunyamabanga Mukuru: **Dr NTAWUKURIRYAYO Jean-Damascène**;

- Umunyamabanga Mukuru Wungirije ushinzwe ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo: **MUKAKANYAMUGENGE Jacqueline**;
- Umunyamabanga Mukuru Wungirije ushinzwe urubyiruko: **NYANSHWA Justin**;
- Umubitsi Mukuru: **Hon. KANTARAMA Pénélope.**

Parti Social Démocrate (P.S.D.)
Lycée de Kigali, ku ya 9 Ukwakira 2005